

## **INCAMAKE Y'AMABWIRIZA YO KUZUZA IBISABWA MU GUHABWA UBUFASHA BW'AMAFARANGAI IRI MU RURIMI RWOROHEJE**

### **NI NDE USHOBORA GUSABA:**

Amabwiriza yo kuzuza ibisabwa mu guhabwa ubufasha bw'amafaranga aha ubuvuzi bw'ubuntu abagerageje ubundi buryo bwose bwo kwishyura kandi

- Urugo rwinjiza amafaranga angana cyangwa atageze kuri 250% by'amafaranga akubiye mu mabwiriza agenga umurongo w'ubukene washyizweho n'igihugu muri uyu mwaka.
- Baratanze ubusabe bwujijwe neza basaba guhabwa ubufasha bw'amafaranga.
- Niba wujuje ibisabwa kugira ngo uhabwe ubufasha bw'amafaranga, ntabwo wishyuzwa amafaranga muri rusange asanzwe yishyuzwa abarembye cyangwa abahabwa ubuvuzi bwa ngombwa.

Ubufasha bw'imari mu bihe by'amage bushobora kuba buhari iyo wahuye n'ikibazo cy'ubuzima n'icy'amafaranga gikomeye.

### **NI GUTE WASABA UBUFASHA:**

#### **SPECTRUM HEALTH:**

- Kwigira aho basabira amakuru, ishami rishinzwe indembe cyangwa ibiro aho abantu biyandikishiriza kuri bitaro byose bya Spectrum Health, harimo icyicaro gikuru, gihereye kuri 100 Michigan, Grand Rapids, MI 49503
- Ukoresheje iposita, andikira: Spectrum Health Butterworth Hospital Financial Counseling Office, 100 Michigan, Grand Rapids, MI 49503
- Uhamagaye: 1.844.838.3115
- Ugiye kuri: <http://www.spectrumhealth.org/financialassistance>
- Woherereje imeyiri umujyanama mu by'imari kuri:  
FinancialCounseling@spectrumhealth.org

#### **SPECTRUM HEALTH LAKELAND:**

- Kwigira aho basabira amakuru, ishami rishinzwe indembe cyangwa ibiro aho abantu biyandikishiriza ku bitaro byose bya Spectrum Health Lakeland, harimo icyicaro gikuru gihereye kuri 1234 Napier Avenue, St. Joseph, MI 49085
- Ukoresheje iposita, andikira: Spectrum Health Lakeland, PO Box 410, St Joseph, MI 49085
- Uhamagaye: 1.844.408.4103, uburyo bwa 1
- Ugiye kuri: <https://www.spectrumhealthlakeland.org/patient-visitor-guide/patient/billing/financial-assistance>
- Woherereje imeyiri umujyanama mu by'amafaranga kuri:  
SHLfinancialcounseling@spectrumhealth.org

### **KUGIRA NGO UBONE KOPI Z'AMABWIRIZA N'UBUSABE:**

- Koresha aderesi zavuzwe haruguru.
- Isemurwa ry'aya mabwiriza, iyi ncamake n'ubusabe biboneka mu zindi ndimi bisabwe ugiye ku mbuga zavuzwe haruguru.

**UBUFASHA BURAHARI:**

Abajyanama mu by'amafaranga n'abavugizi barahari kugira ngo bagufashe kuzuza ubusabe bw'ubufasha mu by'amafaranga. Ushobora kubabona uhamagaye cyangwa ubandikiye nk'uko byasobanuye mu gice cya "Ni gute wasaba ubufasha". Bashobora kugufasha kwiwandikisha kugira ngo uhabwe ubwishingizi binyuze mu bwishingizi bw'ubuzima buzwi nka Health Insurance Exchange cyangwa gahunda z'ubwishingizi bw'ubuzima bwa Medicaid za leta ya Michigan.